REPUBLIQUE RWANDAISE

MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT ASSOCIATIF
B. P. 1044 KIGALI

P.C classeh. JN/DCA

Kigali, le 8/10/1996
N° 1414/21-00

Entrée le 17 OCT. 1996
N° indicateur 3550
A traiter par DCA
Classement

27/11/1996

Bwana Richard NZAMWITA
Perezida w'Umuryango w'Abanyarwanda
i BRAZZAVILLE
CONGO

Impamvu : Gushimira.

Bwana Perezida,

Nyuma y'uruzinduko Itorero IMPARAGE riyobowe n'Umuyobozi w'Imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (Directeur de Cabinet) ryagiriye i BRAZZAVILLE muri CONGO, nejejwe no kubagezaho ubu butumwa mw'izina rya Leta y'u Rwanda no mw'izina rya Minisiteri nyobora.

Turabashimira cyane kubera uko mwakiriye izo ntumwa mukazitaho zose, mukazifasha muri byose kugira ngo iminsi zizamara aho izabe myiza.

Turagusaba ko watugereza ubu butumwa ku banyarwanda muri kumwe aho, ndetse no ku nshuti zihari zose.

Uzatugereze by'umwihariko ubu butumwa kuri Bwana Jean François OBEMBE, Visi-Perezida wa Assemblée Nationale n'abandi Banyacyubahiro bari kumwe bose igihe mwasezeraga kw'Itorero IMPARAGE rirangije ubutumwa bwaryo.

Turangije tubasaba gukomeza uwo muco kandi turibwira ko ibyo mwakoze byose bihesha Igihugu cyacu agaciro mu mahanga no mu nshuti nyinshi dufite.

Mugire Amahoro.

Minisitiri w'Urubyiruko
n'Amashyirahamwe

Dr Jacques BIHOZAGARA

REPUBLIQUE RWANDAISE
Ministère de la Jeunesse et du Mouvement Associatif

Marc KABANDANA
Directeur de Cabinet
MIJEUMA

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Perezida wa Repulika
  KIGALI
- Nyakubahwa Visi Perezida wa Repubulika
  KIGALI
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
  KIGALI
- Bwana Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane
  KIGALI
- Bwana Minisitiri w'Amashuri Makuru Ubushakashatsi muby'ubuhanga n'umuco
  KIGALI

Tél. : 8 3512 , 8 3513 , 8 3525 Fax : 83518